IBIJYANYE N'AMATIKE AHABWA ABANYESHURI BIGA MU MAHANGA

a) Umunyeshuri ahabwa tike imugeza aho aziga iyo yahawe Buruse akaba yarasinye amasezerano yerekana igihe agomba gutangirira amashuri.

b) Umunyeshuri ahabwa kandi tike yo kuza gukora stage cyangwa ubushakashatsi mu Rwanda no gusubira aho yiga iyo byateganijwe mbere y'igihe bikaba bigaragara mu masezerano amwe n'amwe agenga imyigire y'abanyeshuri ateganijwe hagati ya Minisiteri y'Uburezi n'ibihugu cyangwa imiryango kandi bikaba bigaragara mu masezerano umunyeshuri akorana na SFAR mbere yuko ajya kwiga.

c) Nanone umunyeshuri ashobora guhabwa tike iyo ayisabye mu gihe yapfushije uwobashakanye, umwana we cyangwa umubyeyi bemewe n'amategeko.

d) Uretse igihe habaye ibivugwa mu ngingo iri haruguru (c), umunyeshuri atanga iminsi itari munsi ya makumyabiri n'umwe (21) mbere y'igihe ateganyiriza gutaha cyangwa kujya kwiga kugirango tike ishobore gutegurwa.

e) Umunyeshuri urangije amashuri afite uburenganzira bwo guhabwa tike imucyura iyo itararenza amezi atatu (3) arangije amashuri yigaga. Utazasaba tike yo ku mucyura muri icyo gihe cy'amezi 3 nta burenganzira azaba agifite kuri tike.

f) Tike ihabwa umunyeshuri wenyine iyo agiye gutangira amasomo. Nanone ahabwa tike imucyura mu Rwanda arangije amasomo ndetse n'iy'umwana yabyaye mu gihe yari acyiga. Ntawundi muntu umubarirwaho wemerewe guhabwa tike.

g) Gusaba tike bikorwa mu nyandiko hakoreshejwe email, fax cyangwa ibaruwa yanditswe mu buryo busanzwe igaragaza neza italiki n'ukwezi n'umwaka umunyeshuri ashaka kugendera cyangwa ku garukira n'ikibuga cy'indege azahagurukiraho. Ntabwo ubusabe bwa tike kuri telefone bwemewe.

Mu izina rya Komisiyo ya Buruse
KAYISIRE Callixte

Mu izina ry'Ubuyobozi bwa SFAR
Emmanuel MUVUNYI

STUDENT FINANCING AGENCY FOR RWANDA
SFAR
Tel +250 513906
Fax +250 513907
P.O. Box 957 Kigali-Rwanda

Byemejwe na Minisitiri w'Uburezi
Dr. Jeanne d'Arc MUJAWAMARIYA

MINISTERE DE L'EDUCATION